# Ishami ry'amasaka



**INTANGIRIRO**

Amasaka ni kimwe mu bihingwa by'ibinyampeke by'ingirakamaro mu Rwanda akaba akunze guhingwa mu gihembwe cya kabiri cy'ihinga.

Amasaka ahingwa kubera igikoma cyayo gifatwa nk'ifunguro rya mu gitondo ryuzuye intungamubiri ku banyarwanda benshi. Amasaka kandi atanga inzoga gakondo yitwa ikigage ndetse akanafasha mu kubetera urwagwa. Sibyo gusa kandi kuko amasaka afite isoko rinini mu Rwanda kuburyo atuma abayahinga babona amafaranga yo kwikenuza mu buzima bwabo bwa buri munsi. Ibisigazwa byayo bikoreshwa mu kugaburira amatungo, mu gusasira indi myaka nk'urutoki n'ikawa. Nubwo rero amasaka afitiye akamaro abahinzi, biragaragara ko musaruro wayo ugenda ugabanuka buri mwaka bitewe ahanini n'ukugabanuka k'ubutaka ahingwaho, ukudakoresha amoko atanga umusaruro uri hejuru kuri hegitari, ukugunduka kw'ubutaka, indwara n'ibyonnyi cyane cyane Rwona ndets n'ubumenyi buke bw'abahinzi b'amasaka.



Ishami ry'amasaka

Kugirango rero umusaruro w'amasaka urusheho kwiyongera RAB ikomeje kugerageza ubwoko bw'amasaka butanga umusaruro uri hejuru kandi bwihanganira indwara ndetse no gukomeza kwigisha abahinzi uburyo bwiza bwo guhinga amasaka.

**UTURERE AHINGWAMO**

Akarere k'urubuye, Mayaga, Bugesera, Buberuka, umurambi w'iburasirazuba n'uturere tuwegereye ibirunga hasi ya m 2200 z'ubutumburuke.

**UBUTAKA AKUNDA**

Ubutaka bw'ibumba rivanze n'umucanga kandi bw'isi ndende

**UBWOKO RAB IKANGURIRA ABAHINZI GUHINGA**

-Mu misozi miremire: BM1, BM33, na N9
-Mu bibaya byo hagati: Ikinyaruka, Kigufi, IS8193, Kat 369 na IS21219
-Mu murambi w'iburasirazuba: IS 8193, IS 21219, IS 25395 na IS25377

**IFUMBIRE Y'IBIBORA**

Ushyiramo kuva kuri kg 100 kugera kuri kg 200 kuri Are igihe cy'itabira

**IFUMBIRE Y'IMVARUGANDA**

-Ukoresha kg 2,5 za NPK 17-17-17 kuri Ari imwe mu gihe cyo gutera cyangwa se amasaka amaze kumera .

-Ukoresha kandi kuva kuri kg 0,5 kugera kuri kg 1 ya Ire kuri Ari imwe mu gihe cyo gusukira

Ishami ry'amasaka

**IGIHE CY'ITERA**

-Ukuboza: mu misozi miremire( Buberuka,Gikongoro)

-Mutarama: imisozi itumburutse buhoro n'uturere tw'imisozi migufi

-Gashyantare: mu turere tw'imisozi migufi bakoresheje amoko yera vuba

**IGERAMBUTO**

-Bakoresha kuva kuri g 200 kugera kuri g 300 kuri Ari, bagatera intete 5 mu kobo iyo batera mu twoba bakagenda basiga m 0,60 hagati y,imirongo mu turere tw'imisozi miremire na m 0,75 hagati y'imirongo mu turere tw'ibibaya byo hagati no mu murambi w'iburasirazuha ndetse na m 0,.20 hagati y'igihingwa n'ikindi.

-Bakoresha nanone mu mirongo ihurutuye kuva kuri g 200 kugera kuri g 300 kuri Ari bakagenda basiga m 0,60 hagati y,imirongo mu turere tw'imisozi miremire na m 0,75 hagati y'imirongo mu turere tw'ibibaya byo hagati no mu murambi w'iburasirazuha ndetse na m 0,20 hagati y'igihingwa n'ikindi( nyuma yo kwicira)



Ishami ry'amasaka
Ishami ry'amasaka

**KUYAKENURA**

-Kubagara nyuma y'ukwezi atewe cyangwa se afite cm 10 z'uburebure

-Kwicira no gusukira nyuma y'amezi abiri atewe cyangwa se afite cm 20 z'uburebure

**IMINSI YERERA**

Kuva ku mezi 4 kugera kuri 7 bitewe n'ubwoko bw'a-masaka

**UMUSARURO**

Kuva kuri kg 3000 kugera kuri kg 5000 kuri hegitari mu buhinzi bwa kijyambere

**ZIMWE MU NDWARA N'UDUKOKO**

**1. Urugombyi**

-Ikirutera: Sphacelia sorghi

-Aho rufata: ku mahundo

-Ibimenyetso: mu gihe hari imvura nkeya amasaka amaze gutonda azana ibintu bisa nk'ubuki birenduka byasaza bigahinduka umukara ndetse bikaryohera nk'isukari.

-Uko barurwanya: guhingira igihe.

**2. Isazi y'amasaka**

-Irindi zina: Atherigona soccata

-Aho ifata: umwumba

-Ibimenyetso: amasaka akimera umwumba uruma

-Kuyirwanya: ubwoko budakunda kuyirwara, guterera igihe ndetse no gukoresha imiti nka Cypermethrin.

**3. Cecidomyie y'amasaka**

Irindi zina: Cantarinia sorghicola

-Aho ifata: ku mahundo

-Ibimenyetso: mu gihe cyo gutonda, amasaka ntatonda neza ukaba wagirango yaragumbashye

**4. Umugese w'amasaka**

-Irindi zina: Puccinia penniseti

-Aho ifata: Amababi

-Ibimenyetso:utudomo dutoya twinshi tw'umutuku . Iyo udukozeho dusigara ku ntoki tumeze n'umugese usanzwe uboneka ku byuma

-Kuyirwanya: gukoresha amoko ayirwanya

**5. Rwona (icyatsi kibi): Striga**

Ni icyatsi gifite uburebure bwa cm 25 kugeza kuri cm 30.Ni icyuririzi cy'imizi y'amasaka n'ibindi bimenyeke; gifite igihimba gikunda kugaba udushami twinshi vuba kandi cyera utubuto twinshi cyane.

Kuyirwanya: gukoresha ubwoko buyirwanya, gufumbira cyane umurima n'imborera, gukoresha ubwoko buyihanganira ndetse no kuyirandura mu murima itararabya.





***REPUBULIKA Y 'U RWANDA***

***IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBU-HINZI N'UBWOROZI (RAB)***

***ISHAMI RY'AMASAKA***

# *Ubuhinzi bw'amasaka*


